# LOI N° 35/1987 DU 17 SEPTEMBRE 1987 ORGANISANT LA GARDE DES SCEAUX.

Nous, HABYARIMANA Juvénal,
Président de la République,

LE CONSEIL NATIONAL DE DEVELOPPEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE RWANDAISE:

Le Conseil National de Développement, réuni en sa séance du 28 août 1987,

Vu la Constitution, spécialement en ses articles 3, alinéa 3; 63, alinéa premier; 67 et 69,

ADOPTE :

## ARTICLE PREMIER.

Le Ministre de la Justice est constitué Garde des Sceaux de la République Rwandaise.

## ART. 2.

Avant leur publication au Journal Officiel de la République Rwandaise, les lois, les décrets-lois, les arrêtés présidentiels et ministériels de portée générale sont revêtus du sceau de la République.

Le Sceau de la République est aussi apposé sur les brevets délivrés aux membres des Ordres Nationaux, les lettres de créance et de rappel des représentants de la République Rwandaise auprès des autres Etats, les lettres de nomination aux fonctions consulaires, les exequatur et pleins pouvoirs ainsi que les instruments de ratification ou d'adhésion aux accords et conventions internationaux.

## ART. 3.

L'apposition du Sceau de la République sur l'original des textes des actes énumérés à l'article 2 est faite par le Ministre de la Justice qui l'atteste par sa signature précédée de la mention «Vu et scellé du Sceau de la République : le Ministre de la Justice».

# ITEGEKO N° 35/1987 RYO KUWA 17 NZERI 1987 RITUNGANYA UBURINZI BW'IBIRANGO

Twebwe, HABYARIMANA Yuvenali,
Perezida wa Repubulika,

INAMA Y'IGIHUGU IHARANIRA AMAJYAMBERE YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA :

Inama y'Igihugu Iharanira Amajyambere, mu nteko yayo yo kuwa 28 Kanama 1987,

Ishingiye ku Itegeko-Nshinga, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 3, igika cya 3; iya 63, igika cya mbere; iya 67 n'iya 69,

YEMEJE :

## INGINGO YA MBERE.

Minisitiri w'Ubucamanza niwe murinzi w'Ibirango bya Repubulika y'u Rwanda.

## INGINGO YA 2.

Mbere y'uko atangazwa mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda, amategeko, amategeko-teka, amateka ya Perezida n'aya ba Minisitiri areba rubanda nyamwinshi agomba gushyirwaho ikirango cya Repubulika.

Ikirango cya Repubulika gishyirwa kandi ku byemezo bihabwa abagize inzego z'ishimwe, ku mpapuro ziha cyangwa zambura ububasha abahagarariye Repubulika y'u Rwanda mu mahanga, ku mpapuro zishyiraho abahagarari-ra inyungu z'u Rwanda mu mahanga, ku mpapuro zemerera abahagarariye ibindi bihugu gukora mu Rwanda, kimwe no ku mpapuro zitanga ububasha burambuye bwo gushyira umukono ku masezerano mpuzamahanga mu izina ry'u Rwanda ndetse n'izihamya burundu ayo masezerano.

## INGINGO YA 3.

Minisitiri w'Ubucamanza ashyira Ikirango cya Repubulika ku mpapuro shingiro z'inyandiko zavuzwe mu ngingo ya 2 y'iri tegeko bikemezwa n'umukono we ubanjirijwe n'amagambo «Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika : Minisitiri w'Ubucamanza».

ART. 4.

Les sceaux dont font usage les autorités et services publics sont conformes au modèle constituant l'annexe de la présente loi complété par l'inscription entre les deux circonférences des mots «République Rwandaise» suivie du nom de l'autorité ou du service qui en fait usage.

ART. 5.

Le Ministre de la Justice veille à la fabrication et à la distribution des sceaux dont question à l'article 4 de la présente loi.

Les specimens sont proposés par les services concernés.

ART. 6.

Les imprimeries à caractère public ont le monopole de fabriquer les sceaux des administrations publiques. Ce monopole s'étend sur une durée de 30 ans, à dater de l'entrée en vigueur de la présente loi.

ART. 7.

Les sceaux actuellement en usage pourront être utilisés pendant une période de six mois prenant cours à la date de la publication de la présente loi.
Au cours de cette même période, les specimens dont question à l'article 5 de la présente loi seront transmis en triple exemplaire au Ministre de la Justice et les sceaux non conformes au modèle en annexe lui seront remis.

ART. 8.

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République Rwandaise.

Kigali, le 17 septembre 1987.

INGINGO YA 4.

Ubutegetsi n'Ibigo bya Leta bikoresha ibirango bihuye n'urugero ruteganywa n'umugereka w'iri tegeko, hongeweho mu mwanya w'inziga ebyiri amagambo «Repubulika y'u Rwanda» agakurikirwa n'izina ry'ubutegetsi cyangwa ikigo cya Leta kibikoresha.

INGINGO YA 5.

Minisitiri w'Ubucamanza ashinzwe gukoresha no gutanga ibirango bivugwa mu ngingo ya 4 y'iri tegeko.

Inzego z'imirimo bireba zerekana ishusho ry'ibirango zifuza.

INGINGO YA 6.

Amacapiro ya Leta ni yo yonyine ashobora gukora ibirango bikoreshwa mu butegetsi bwa Leta. Ako gahazo kamara imyaka 30, uhereye umunsi iri tegeko ritangiye gukurikizwa.

INGINGO YA 7.

Ibirango bikoreshwa ubu bizakomeza bikoreshwe igihe cy'amezi atandatu uhereye ku itariki y'itangazwa ry'iri tegeko.
Muri icyo gihe, amashusho y'ibirango avugwa mu ngingo ya 5 y'iri tegeko azashyikirizwa Minisitiri w'Ubucamanza ku mpapuro eshatu kandi asubizwe ibirango byose bidahuye n'urugero rwometse kuri iri tegeko.

INGINGO YA 8.

Iri tegeko rizatangira gukurikizwa ku munsi rizatangarizwaho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa 17 Nzeri 1987.

HABYARIMANA Juvénal,
Général-Major.

Le Ministre de la Justice,

Minisitiri w'Ubucamanza,

MUGEMANA Jean Marie Vianney.

J.O. No 22 du 15 novembre 1987.

Annexe à la loi N° 35/1987 du 17 septembre 1987 organisant la garde des sceaux.

Diamètre : 40 millimètres




Vu pour être annexé à la loi N° 35/1987 du 17 septembre 1987 organisant la garde des sceaux.

Iyi ngereka igomba gushyirwa ku itegeko N° 35/1987 ryo kuwa 17 Nzeri 1987 ritunganya uburinzi bw'ibirango.

HABYARIMANA Juvénal,
Général-Major.

Le Ministre de la Justice,

Minisitiri w'Ubucamanza,

MUGEMANA Jean Marie Vianney.